Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BW'INGANO

GUFUMBIRA		IBIPIMO BY'IFUMBIRE	IKORESHWA RYARI ?	IKORESHWA GUTE ?
Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara		Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri.	Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka
Ifumbire y'imborera		Rekera ibisigazwa by'umusaruro mu murima	Igihe cy'isarura	Bikoremo ifumbire y'imborera cyangwa ubitabe wongeye kuhahinga
		Koresha ibiro 100 by'ifumbire = udutebo tune (4) tw'ifumbire y'imborera cg ingorofani 2	Igihe cyo gusanza	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza
Ifumbire mvaruganda fatizo		Koresha ikiro kimwe (1) cya DAP kuri ari imwe (1)	Igihe cyo gutera	Yinyanyagize mu murima
Ifumbire mvaruganda mbaturamusaruro		Koresha inusu (1/2 kg) ya IRE (urée) kuri Ari 1	Ingano zitangiye kubyara	Mu mirongo baseruye hagati y'imirongo ibiri (2) y'ingano

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST

***Icyitonderwa**. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 20 hagati y'imirongo ikomeza. Ari 1 ijyaho ibiro 1-1,2.*

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA N'IBYONNYI BY'INGENZI

INDWARA	IBIZIRANGA	UKO BAZIRINDA	UKO BAZIVURA	IBIPIMO BIKORESHWA
Sebutoriyoza (Septoriose)		- Terera igihe ; - Koresha imbuto z'indobanure ; - Vana mu murima ibisigazwa byose by'ingano zirwaye bigatabwa ; - Subiza ingano mu murima zivuyemo nyuma y'imyaka itatu.	Umuti wica uduhumyo : Koresha Ditane M45, ukurikizeho Tiliti (Tilt) ingano zitangiye kubyara	Vanga garama 20 za Ditane M45 muri litiro 10 z'amazi, utere Ari imwe (1). Vanga mililitiro 10 z'umuri wa Tiliti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) mu mazi ya litiro 10, utere Ari imwe (1).
Uruhumbu		- Terera igihe ; - Wituma ingano zishibukira mu murima ; - Vana mu murima ibisigazwa byose by'ingano ; - Ubahiriza igerambuto riteganywa.	Umuti wica uduhumyo : Koresha Ditane M45, ukurikizeho Tiliti (Tilt) ingano zitangiye kubyara	Vanga garama 20 za Ditane M45 muri litiro 10 z'amazi, utere Ari imwe (1). Vanga mililitiro 10 z'umuri wa Tiliti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) mu mazi ya litiro 10, utere Ari imwe (1).
Umugese w'umuhondo		- Simburanya imyaka mu murima neza : Ingano, Amasaka cyangwa Ibigori ; - Koresha imbuto z'indobanure ; - Vana mu murima ibisigazwa byose by'ingano ; - Ubahiriza igerambuto riteganywa.	Umuti wica uduhumyo : Koresha Ditane M45, ukurikizeho Tiliti (Tilt) ingano zitangiye kubyara	Vanga garama 20 za Ditane M45 muri litiro 10 z'amazi, utere Ari imwe (1). Vanga mililitiro 10 z'umuri wa Tiliti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) mu mazi ya litiro 10, utere Ari imwe (1).
Umugese w'umukara				
Umugese w'ibihogo		Tema ibyatsi n'ibihuru biri hafi y'umurima	Umuti wica udukoko : Koresha Dimetowate (Diméthoate)	Vanga mililitiro 15 z'umuti (udufuniko 3 tw'icupa rya Fanta) mu mazi ya litiro 15, utere Ari 1, ingano zimaze kumera, wongere zizanye amahundo.
Ubuhunduguru n'utundi dukoko turya amababi		Cyangwa	Umuti wica udukoko : Koresha Dimetowate (Diméthoate)	Vanga mililitiro 15 z'umuti (udufuniko 3 tw'icupa rya Fanta) mu mazi ya litiro 15, utere Ari 1, ingano zimaze kumera, wongere zizanye amahundo.

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST